Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
**Akarere ka Gasabo**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Nshingiye ku ibaruwa N° 5027/07.01.16/25 yo ku wa 06/03/2025, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Abayobozi Nshingwabikorwa b'Uturere tuwugize abasaba gushaka no gushyira mu myanya abarimu b'abasimbura,

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo buramenyesha ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi ko hari akazi k'igihe gito (temporary job) gasabwa binyuze ku kigo cy'ishuri cyegereye usaba akazi, kugira ngo dosiye ye yinjizwe muri sistemu yabugenewe (TMIS) ifasha mu gushaka abarimu basimbura abari mu kiruhuko.

**Usaba akazi arasabwa ibi bikurikira:**

1. Impamyabumenyi (Diplome) ya A2/A1/A0 (isikannye neza ku buryo busomeka);
2. Kwemera gukorera ku masezerano y'igihe gito kingana n'icyo uwo asimbura azamara mu kiruhuko);
3. Gukorera ku kindi kigo atasabye mu gihe aho yasabye atahabonye umwanya;
4. Kuba nta kandi kazi afite kandi yiteguye gutangira akazi;
5. Kuba atarambuwe uburenganzira bwo kuba umukozi wa Leta;

**Icyitonderwa:** Buri Muyobozi w'ishuri ushyikirijwe ubusabe abushyira muri sisitemu n'iyo y'aba nta mwarimu afite mu kiruhuko.

Bikorewe i Gasabo ku wa 24../03/2025

AKARERE KA GASABO

**BAYASESE Bernard**

Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo